

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME  
MU MUHANGO WO KUREMERA ABABYEYI BAGIZWE INCIKE NA  
JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI**

**Huye, 3 Nyakanga 2016**

**Babyeyi bacu,**  
**Banyakubahwa mwese muteraniye hano,**  
**Banyamuryango ba Unity Club INTWARARUMURI,**  
**Bavandimwe, banyamuryango ba AVEGA,**  
**Baturage b'Akarere ka Huye, by'umwihariko Umurenge wa Mukura,**

**Mbanje kubaramutsa, muraho neza.**

Turabashimira kandi tunejejwe no kubana namwe uyu munsi, kugira ngo twifatanye muri iki gikorwa, gitegurwa buri mwaka, cyo kuremera bamwe mu banyamuryango ba AVEGA.

Hashize imyaka itari mike, Unity Club twiyemeje ubufatanye n'umuryango AVEGA, mu bikorwa byo kwibuka no kwita ku babyeyi bagizwe incike na Jenoside yakorewe Abatutsi; kugira ngo tubafashe gusaza neza, n'ubwo tuzi ko tutabasha kuziba icyuho cy'abana n' imiryango mwabuze.

Kubana n'ibikomere twasigiwe na Jenoside, ntibyatubujije kugira ingufu zo kwiyubaka, kunga ubumwe no guharanira kugarura agaciro kacu nk'Abanyarwanda. Ni nayo mpamvu ngira ngo mumfashe dushimire Abarokotse jenoside muri rusange, by'umwihariko ababyeyi bari aha n'ahandi hose mu gihugu.

Mu rugendo rutoroshye rwo gusana imitima n'Igihugu, ndabashimira ko murugiramo uruhare rukomeye. Dufashe nk'urugero rw'umubyeyi wari ufite nk'imyaka **40** cyangwa se irenga gato mu gihe cya Jenoside; yari umugore w'ijigija ufite ingufu, ubasha gukora no kuzamura umuryango; ariko ubu agejeje imyaka **62**, imbaraga ntabwo zikiri nka za zindi, ubu zitangiye kugabanuka.

Twibuka iteka ko ababyeyi nkamwe, mwafashije igihugu cyacu kubona ibisubizo by'ibibazo bikomeye, mubifatanyije n'ibikomere bitandukanye ndetse n'intimba itoroshye yo kubura abana n'imiryango yanyu.

Mwarereye u Rwanda, mwita ku mfubyi za Jenoside zitagira ingano nk'uko abo mwareze babihama. Harageze rero ko umuryango mwasannye nawo ubitaho, ukabitura, ukabasajisha neza. Nkaba nsanga byari bikwiye ko twazatekereza irindi zina, munyemereye, tukazarekeraho kubita “incike” rikavaho, kuko mwafashije Umuryango Nyarwanda kwirema bundi bushya.

Mu rwego rero rwo kubaha amasaziro meza, Leta y'u Rwanda yatanze umurongo wo guhuriza hamwe aba babyeyi, kuko bibafasha kwakira amateka agoye mwanyuzemo, bikorohera ababitaho kubegera no kubahumuriza.

Hamwe n'abafatanyabikorwa bacu, tumaze kubabonera amacumbi mu Turere twa Kamonyi, Kayonza, Rulindo, Nyanza, na hano muri Huye. Niyo mpanvu, uyu munsi twaje kubaremera tubashyikiriza

ariya mazu 2 tumaze gutaha. nkaba mboneyeho no gushima cyane abafatanyabikorwa, barimo Leta yacu ibinyujije muri MINALOC n'inzego zayo, Banki Y'ABATURAGE, Banki ya Kigali, BRD, BRALIRWA, Diaspora ya Arusha, NAEB, RURA, RSSB na Rwanda Mountain Tea. Nkaba ntashidikanya ko muzadufasha muri urwo rugendo rukiri rurerure, n'ubahagarariye yanabivuze neza tukaba tumushimiye ko yumvise ko ari igikorwa cyihutirwa tukaba twizera ko iki kibazo kizarangira vuba.

Mu minsi ishize, Ikigega cya Leta cyita ku bacitse ku icumu batishoboye, FARG, hamwe n'inzego zitandukanye, bakoze isuzuma mu turere 5 two mu Ntara y'Amajyepfo. Iryo suzuma ryagaragaje ko ahari ubuyobozi n'abaturage bafite umutima wo kwita kuri aba babyeyi, usanga bamerewe neza.

Nubwo ariko hari intambwe igaragara tumaze gutera, turacyafite umubare munini w'aba babyeyi bakeneye kwitabwaho by'umwihariko kandi bigakorwa vuba, kuko abenshi bageze mu zabukuru.

Ndasaba buri wese utuye hafi y'aba babyeyi rwose kubabera ijisho, tukabafata nk'abacu kuko ikigero bagezemo bakeneye ubahereza akabando basindagiriraho.

Ikindi cyagaragaye mu isuzuma kijyanye n'amateka ya Jenoside, ni uko hari ababyeyi babuzwa uburenganzira n'imiryango bari barashatsemo, ku masambu n'imitungo, kuko batagifite abana!

Cyangwa se kuko imiryango yabo yagize uruhare mu kurimbura abana babo, bigatuma batakirwa neza n'imiryango bavutsemo. Mu gihe rero tugezemo, bene ibyo bibazo ntabwo bikwiye kwihanganirwa. Hakenewe gufatwa ingamba zo kurengera aba babyeyi.

Iyi nyubako tumaze gutangiza ku mugaragaro, izabafasha kwakira ababyeyi basaga ijana icyarimwe, bagahabwa n'ababitaho mu buryo bwose; ni kimwe mu bisubizo birambye kandi byihuse Leta yacu yahisemo.

Turashimira inzego zose zafashe uyu murongo, kandi zizakomeza kugira uruhare mu micungire myiza y'izi nyubako, kimwe n'andi mazu yagiye yubakwa hirya no hino, mu rwego rwo gukomeza kwita ku babyeyi bayatujwemo.

Nagira ngo nibutse inzego zose n'Abafatanyabikorwa ko iyo dufashe gahunda yo kubakira aba babyeyi nk'aha turi, baba basanze undi Muryango Nyarwanda. Iki gikorwa rero gikwiriye kuba n'imbarutso yo guhindura n'aho tubatuje. Biri n'amahire ko uyu mudugudu wo uri muri gahunda y'imidugudu y'icyitegererezo (IDP), ubwo iterambere rizarushaho kwihuta muri aka Karere. Ibi, Umunyarwanda wese w'umutima nibyo yifuriza buri Munyarwanda wese bishobotse.

Mu kinyarwanda tuvuga ko "***Umuturanyi mwiza aruta umuvandimwe wa kure***". Niyo mpamvu dushimira abatuye uyu mudugudu ko mwakiriye neza aba babyeyi mukaba mubana nk'imiryango yanyu.

Abana banyu babonye ba Nyirakuru babaha urukundo kandi nabo bazabatera agasusuruko. Turabasaba gukomeza kubaba hafi, mumenye uko baramutse, abarwayi mubamenye, ndetse mugere aho munataramane, muganire ku muco nyarwanda, imigani, ibisakuzo n'ibindi tuzi bifitemo.

Namwe babyeyi bacu, twishimiye kubona ko mumaze kumenyera no kumenyana; bamwe ngo mufite n'utuzina tw'utubyiniriro bagenzi banyu babise, abandi muzi aho mujya gusenga, iyo umuntu abitegereje abona muganira kandi munagaragaza ibyishimo. Mukomeze kubana neza mutyo.

Ku bufatanye n'Akarere ndetse n' abafatanyabikorwa bako, duhereye cyane cyane ku batuye uyu mudugudu, tuzakomeza kwishakamo ibisubizo bigamije kubateza imbere no kugira imibereho myiza.

Mu gusoza ndongera gushima kandi Umuryango AVEGA, imirimo myiza mukora, n'ubwitange mugaragaza, mu kwita kuri aba babyeyi; byose mukabikorana umutima ukunda kandi uzirikana n'amateka yacu.

Dukomeze kwegera, gufasha no guhumuriza abarokotse Jenoside, by'umwihariko aba babyeyi, ndetse no guharanira kuzamura imibereho myiza y'Abanyarwanda bose muri rusange.

Duharanire gukomera ku Bunyarwanda bwacu, buzadutsindira icyadusubiza inyuma icyo ari cyo cyose. Nibwo buryo bwiza bwo guha icyubahiro n'agaciro, ubu ni mu gihe aho twibuka kwibohora, abana b'u Rwanda bafashe iya mbere mu kurubohora maze twese tukagira Ighigu.

Nidukomeza kubiha agaciro, tukabana neza, tuzabarinda kongera gusubira muri izo ntambara.

By'umwihariko, nagira ngo munshimire abanyamuryango ba Unity Club, nibyo ndi umwe muri bo ariko nagira ngo mbavuge ibigwi aba abakobwa nibo bashakisha ibi bidushoboza, babifitiye umutima, nk'aba numva iri shimwe, nakomeje kuriugwamo ariko, ntakomeza kuryakira ntavuze ko ari bo. Hari umurongo ariko nabo baba babigizemo uruhare rukomeye cyane, numvise na Bishop yanabashimiye, yanashimiye aho twakoreye iki gikorwa, nagira ngo mugaragarize ko iyo hari abakobwa nka bariya bafite umutima nk'uwo bafite, n'aho twicara, n'aho duhurira byose biba bisa, bibabereye, bisa nk'ibikorwa bakora.

Nagira ngo ndangize mbashimira. Murakoze, kandi muzagire umunsi mwiza wo kwibohora ejo.